

Ministere glomerata in umbellato
myrica glomerata.

- unispermus

29. 01. 1926

151

REPUBLIKA Y'U RWANDA
Minisitiri y'Umulimo n'Imibereho
myiza y'Abaturage
B.P. 1413 KIGALI

Kigali kuwa, **29 JAN. 1996**

N° *122*.../17.00/96

Nyakubahwa Bwana Minisitiri
w'Intebe
KIGALI

*10/2/96
Cause, Ven
avis?
y.*

A traiter par *Ministe*
Date entrée: *31/01/96*
N° Classement: *336 1219*

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe,

Nk'uko mwabinsabye, nejejwe no
kubagezaho Umushinga w'Itegeko rishinga Ikigega cy'Igihugu
Gitera Inkunga Abacitse kw'Icumu ry'Itsembabwoko (F.N.S.S.G.),
kugirango serivisi zanyu n'iza département muyobora zirisuzume
mbere y'uko rijya mu nama ya Leta, mu buryo bwihutirwa.

Mugire Amahoro.

Minisitiri w'Umurimo
n'Imibereho myiza
y'Abaturage

Piyo MUGABO

Mugabo

C.P.I. à:

- Nyakubahwa Perezida wa
Repubulika.

KIGALI.

- Nyakubahwa Visi Perezida
wa Repubulika akaba na
Minisitiri w'Ingabo.

KIGALI.

- Ba Bwana Minisitiri (bose).

KIGALI.

MIGEUMA

PROJET DE LOI N° DU
..... PORTANT CREATION DU
FONDS NATIONAL DE SOUTIEN AUX
SURVIVANTS DU GENOCIDE
(F.N.S.S.G.).

UMUSHINGA W'ITEGEKO N°
RYO KUWA RISHYIRAHU
IKIGEGA CY'IGIHUGU GITERA
INKUNGA ABACITSE KWICUMU
RY'ITSEMBABWOKO (F.N.S.S.G.)

EXPOSES DES MOTIFS

Le génocide perpétré au Rwanda entre notamment le 7 Avril et le 4 juillet 1994, a laissé le Rwanda dans une immense désolation dans beaucoup de domaines

1. Sur le plan humain

Beaucoup d'hommes et de femmes survivants du génocide, restent handicapés pour le reste de leur vie.

Les enfants orphelins, sans aucune aide, ni matérielle, ni morale, risquent de subir une croissance désordonnée, physiquement, moralement, intellectuellement.

Des veufs et des veuves restés sans aides, handicapés, physiquement, matériellement.

2. Sur le plan matériel

L'économie a été détruite. Beaucoup de survivants avaient des affaires florissantes, des maisons d'habitations. En tous les cas, beaucoup parmi eux avaient réussi à organiser un heureux foyer pour leur famille et pour l'avenir.

Aujourd'hui, ils se trouvent privés de leur familles, d'époux ou d'épouse, d'enfants, des familles au sens large, et ils sont seuls et démunis;

ISOBANURA MPAMVU

Itsembabwoko ryabaye mu Rwanda cyane cyane kuva ku italiki ya 7 mata kugeza ku ya 4 Nyakanga 1994 ryasize u Rwanda rwagirijwe impande zose.

1. Ku ruhande rw'abantu

Abagabo n'abagore benshi b'acitse kw'icumu ry'itsembabwoko bamugaye burundu.

Abana b'imfubyi batagira gifasha, batagira kirera, bazakurizamo gukura nabi, nta ntege, nta mutima, nta bwenge.

Abapfakare n'abapfakazi basigaye ali incike, ali ibimuga kandi ali abakene.

2. Kuruhande rw'ibintu

Ubukungu bw'Igihugu bwaralimbutse. Abantu benshi barokotse bari bafite ibintu bibazanira inyungu, n'amazu atuwe. Cyakora benshi muli bo bali barasekewe n'amahirwe yo kugira ingo zikomeye n'imiryango inezerewe kandi baliteganyirije.

None, nta muryango, uwo bashakanye ntawe, nta rubyaro, nta na mwenewabo, basigaye bonyine mu kangaratete;

Que faire devant cette situation pour atténuer cette souffrance et aider tous ces survivants à reprendre l'espoir pour la vie?

Dans un élan de solidarité nationale et internationale, nous devons leur venir au secours pour les aider à reprendre la vie.

Pour matérialiser cette solidarité nationale et internationale, le Gouvernement a décidé de créer un Fonds destiné à aider les survivants à disposer des moyens pour créer ou relancer des activités économiques pour reconstruire une maison, récupérer ses biens et ceux des siens disparus.

Hakorwa iki lero ngo iyo ntimba ishire mmaze abo barokotse bongere kugira amizero y'ubuzima?

Tugomba gufatanya mu rwego rw'igihugu n'urw'amahanga . Tukabagoboka kugirango tubafashe kongera kwisuganya.

Kugirango ubwo bufatanye bwo mu rwego rw'Igihugu n'urw'amahanga bushyirwe mu bikorwa, Leta yiyemeje gushyiraho ikigega kigenewe gutera inkunga abarokotse, kugirango bashobore gutangira cyangwa gukomeza imilimo, gusana inzu, gusubirana ibyabo n'iby'ababo bazimiye.

PROJET DE LOI N° DU
PORTANT CREATION ET
 ORGANISATION DU FONDS
 NATIONAL DE SOUTIEN AUX
 SURVIVANTS DU GENOCIDE
 (F.N.S.S.G.)

UMUSHINGA W'ITEGEKO
 N ° R Y O
 KUWA.....LISHYIRAHU KANDI
 LITUNGANYA IKIGEGA CY'IGIHUGU
 GITERA INKUNGA ABACITSE
 KW'ICUMU RY'ITSEMBABWOKO
 (F.N.S.S.G.)

Nous, Pasteur BIZIMUNGU,
 Président de la République
 Rwandaise

Twebwe Pastori BIZIMUNGU,
 Perezida wa Repbulika y'u
 Rwanda.

L'Assemblée Nationale de
 Transition a adopté et Nous
 sanctionons, promulguons la
 loi dont la teneur suit, et
 ordonnons qu'elle soit
 publiée au Journal Officiel
 de la République Rwandaise.

Inteko Ishinga amategeko
 y'Inzibacyuho yahamije none
 natwe duhamije kandi
 dutangaje itegeko liteye
 litya kandi dutegetse ko
 ryandikwe mw'Igazeti ya Leta
 ya Repbulika y'u Rwanda.

L'Assemblée Nationale de
 Transition en sa séance
 du.....

Inteko Ishinga Amategeko mu
 nama yayo yateranye kuwa

Vu les conséquences
 malheureuses, du génocide
 perpétré au Rwanda, parmi
 lesquelles des milliers de
 rescapés lourdement
 handicapés pour le reste de
 leur vie, physiquement,
 moralement et matériellement.

Imaze kubona ingaruka mbi
 z'itsembabwoko ryabaye mu
 Rwanda, zilimo ibihumbi
 by'abarokotse bamugaye
 burundu, bahahamutse kandi
 batindahaye.

Vu la solidarité qui doit
 nous animer sur le plan
 national et international
 pour venir en aide à ces
 victimes du Génocide;

Imaze kubona ubufatanye
 bugomba kubaho mu rwego
 rw'Igihugu n'urw'amahanga
 kugirango tugobo abazahajwe
 n'itsemba bwoko,

Vu les recommandations de la
 conférence de Kigali, sur le
 génocide tenue à Kigali du
 1er au 5 Novembre 1995;

Imaze kubona imyanzuro
 y'inama kubyerekeye
 itsembabwoko yabereye i
 Kigali kw'italiki ya mbere
 kugeza kuya 5 Ugushyirye
 1995.

Vu la loi fondamentale spécialement le protocole d'Accord sur le partage du pouvoir du 30 octobre 1992, en ses articles 40 et 72 et également la constitution du 10 juin 1991 telle que amendée jusqu'à ce jour.

Ikulikije itegeko shingiro, cyane cyane ingingo ya 40 n'iya 72 z'amasezerano yerekeranye n'igabana ry'ubutegetsi yashyizweho umukono kuwa 30 ukwakira 1992 n'itegeko nshinga ryo kuwa 10 Kamena 1991 nk'uko ryahinduwe kugeza ubu.

Sur proposition du Ministre du Travail et des Affaires Sociales.

Ibisabwe na Minisitiri w'Umulimo n'Imibereho myiza y'Abaturage;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du

Bimaze kwigwa kandi hagafatwa imyanzuro n'inama y'abaminisitiri yateranye kuwa.....

ADOPTE :

YEMEJE :

CHAPITRE PREMIER :

UMUTWE WA I

CREATION, DENOMINATION ET SIEGE.

ISHYIRWAHO, IZINA, ICYICARO

Article premier

Ingingo ya mbere

Il est créé auprès du Gouvernement Rwandais un Fonds National de Soutien aux Survivants du Génocide, dénomé en sigle (F.N.S.S.G.).

Leta y'u Rwanda ishizeho ikigega cy'Igihugu gitera inkunga abacitse kw'icumu ry'itsemba bwoko mu magambo ahinnye y'Igifaransa (F.N.S.S.G.).

Article 2

Ingingo ya 2

Le siège du Fonds National de Soutien aux Survivants du Génocide est à Kigali, mais il peut avoir des succursales dans d'autres préfectures du pays.

Icyicaro cy'ikigega cy'Igihugu gitera inkunga abacitsi kw'icumu ry'itsembabwoko gishyizwe i Kigali, aliko gishobora kugira ahandi h'ingoboka mu yandi ma perefegitura y'i Gihugu.

Article 3

Sont considérés comme survivants du génocide :

1. Tout rwandais résidant au Rwanda entre octobre 1990 et juillet 1994 et qui était ciblé et recherché pour son appartenance ethnique.
2. Les orphelins dont un des parents ou les deux ont péri dans le génocide.
3. Les veuves et les veufs des victimes du génocide.
4. Les handicapés physiques et mentaux du génocide.
5. Les vieillards restés sans soutien à cause du génocide.
6. Les femmes violées ou prises en otage et autres.

CHAPITRE II : OBJECTIFS**Article 4**

Le Fonds National de Soutien aux Survivants du Génocide a pour objet :

1. d'assurer aux Survivants du Génocide, la protection et les soins nécessaires à leur bien-être physique, morale, intellectuel et matériel.
2. d'assurer le développement *i n t é g r a l* pour l'autosuffisance du survivant en nourriture, habillement, soins médicaux, éducation etc.
3. assurer la protection des biens laissés par les parents ou conjoints et revenant de droit à leurs survivants.

Ingingo ya 3

Abitwa abacitse kw'icumu ry'itsemba bwoko ni :

1. Umunyarwanda wese wali mu Rwanda mu kwakira 1990 no muli Nyakanga 1994 kandi akaba yarahigwahigwaga azira ubwoko bwe.
2. Imfubyi z'umubyeyi umwe cyangwa bombi bazize itsembabwoko
3. Abapfakajwe n'itsembabwoko
4. Abamugajwe kandi bahahamuwe n'itsembabwoko.
5. Abasaza n'abakecukuru basigaye ali incike kubera itsembabwoko.
6. Abagore bafashwe ku ngufu cyangwa bagizwe ingwate n'ibindi nk'ibyoyi.

UMUTWE WA II : INTEGO**Ingingo ya 4**

Ikigega cy'Igihugu gitera inkunga abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko kigamije :

1. Kurengera no gufata neza abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko kugirango barushaho kugubwa neza bahumulizwe, bajijuke kandi batunge.
2. Gufasha abarokotse kugera ku majyambere yo kwihaza mu bilibwa, imyambaro, kwivuza n'uburere...
3. Kurinda umutungo wasizwe n'ababyeyi cyangwa n'uwo bashakanye ugomba kuzungurwa n'abarokotse.

4. Assurer l'assistance juridique aux survivants du génocide.

5. Aider les survivants à prendre succession du patrimoine des membres de leurs familles, victimes du génocide.

6. Collaborer avec la coordination des Associations des survivants du génocide.

7. Assurer une aide matérielle, financière pour aider les survivants à reconstruire courageusement ce qu'ils ont perdu pour réparer leurs biens abîmés et de retrouver leurs biens disparus.

8. Réhabilitation de l'habitat en fournissant le matériel de construction.

9. Mettre en place des bases solides d'une activité économique d'autosuffisance.

CHAPITRE III: LES RESSOURCES DU FONDS

Article 5

Les ressources du Fonds National de Soutien aux Survivants du Génocide proviennent :

1. Des subsides de l'Etat.
2. Des dons et des legs des Pays, des organismes nationaux et internationaux, des organismes gouvernementaux et non gouvernementaux et des personnes privées rwandaises ou étrangères.

4. Kuburanira abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko.

5. Gufasha abarokotse kuzungura iby'ababo bazize itsembabwoko.

6. Gufatanya n'abahuza bikorwa b'imiryango n'amashyirahamwe y'abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko.

7. Gutanga inkunga y'ibikoreho, n'iy'amafaranga ifasha abarokotse gusana ibyabo byangiritse no gutarura ibyabo byazimiye.

8. Gutanga ibikoreho by'ubwubatsi byo gusana inzu zasenyutse.

9. Gushyiraho uburyo buhamye bwo kwigerera ku bikorwa byongerera ubukungu.

UMUTWE WA III : UMUTUNGO W'IKIGEGA

Ingingo ya 5

Umutungo w'Ikigega cy'Igihugu gitera inkunga abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko ukomoka :

1. Ku mfashanyo itangwa na Leta;
2. Ku mpano n'imirage itangwa n'ibihugu, n'imiryango nyarwanda, n'impuzamahanga, imiryango igengwa na Leta n'itagengwa na Leta n'abanyarwanda cyangwa abanyamahanga bikorera ku giti cyabo.

3. Des biens des auteurs du génocide.

4. Des prélèvements sur la taxe de consommation sur la bière, les limonades, le tabac, l'essence.

5. Des contributions des bailleurs de fonds dans le cadre du programme de réhabilitation en faveur du Rwanda.

6. Des contributions spéciales et ponctuelles de la population (dons, legs...)

7. Des revenus locatifs provenant des biens meubles et immeubles des coupables du génocide.

8. Des intérêts provenant des placements du Fonds.

9. Des compensations Nationales payées par l'Etat Rwandais,

10. Autres compensations éventuelles payées par des Etats, institutions nationales ou internationales impliqués directement ou indirectement dans le génocide Rwandais.

CHAPITRE IV : ORGANISATION ET ADMINISTRATION

Article 6

Un compte intitulé Fonds National de Soutien aux Survivants du Génocide est ouvert à la Banque Nationale du Rwanda.

Le Fonds National de Soutien aux Survivants du Génocide peut ouvrir des comptes secondaires auprès des autres Banques et institutions financières du Pays ainsi que dans leurs succursales.

3. Ku mutungo w'abakoze icyaha cy'itsemba bwoko.

4. Ibivuye mw'ihoro ry'inzoga, ibinyobwa bidasindisha, itabi na lisansi.

5. Umusanzu w'abatanga amafaranga ashorwa mu mishinga yo mu rwego rwa gahunda yo gusana ibyangilitse mu Rwanda.

6. Umusanzu udasanzwe w'abaturage (impano, imirage).

7. Umutungo ukomoka ku bukode bw'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'abakoze icyaha cy'itsembabwoko.

8. Inyungu zikomoka ku mashingu y'amafaranga y'ikigega

9. Indishyi zishyurwa na Leta y'u Rwanda.

10. Indishyi zishobora kwishyurwa n'ibihugu, imiryango nyarwanda cyangwa mpuzamahanga yagize uruhare mw'itsembabwoko mu Rwanda.

UMUTWE WA IV : IMITUNGANYILIZE N'UBUTEGETSI BW'IKIGEGA Ingingo ya 6

Amafaranga y'Ikigega cy'Igihugu gitera inkunga abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko abitswa muli banki nkuru y'u Rwanda.

Ikigega cy'Igihugu gitera inkunga abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko gishobora kubitsa mu zindi banki no mu bindi bigo bifite imali kimwe no mu bigo by'ingoboka by'izo banki.

Article 7

La comptabilité est organisée de manière à permettre de contrôler l'exécution régulière des dépenses approuvées pour chaque exercice et d'apprécier en tout temps la situation du Fonds.

Article 8

La comptabilité du Fonds est soumise au contrôle de l'Inspecteur Général des Finances qui fait rapport au Ministre des Finances, au Ministre ayant le Fonds dans ses attributions et au Premier Ministre.

Article 9

Pour les retraits de Fonds, il faut obligatoirement la signature du Directeur Administratif et Financier et une deuxième du Directeur Général ou chargé de programme.

Article 10**Comité de gestion**

Le Fonds National de Soutien aux Survivants du Génocide est géré par un comité de gestion dont la composition et les attributions sont déterminées par la présente loi.

Le comité de gestion est nommé par le premier Ministre sur proposition du Ministre ayant les Affaires Sociales dans ses attributions, après consultation du comité de coordination des Associations pour la Défense de Survivants du Génocide.

Ingingo ya 7

Ibarura mali liteye ku buryo ubugenzuzi bw'imali bumenya uko amafaranga asohoka buli gihe n'asigara mu kigega.

Ingingo ya 8

Ibaruramali ligenzurwa n'umugenzuzi mukuru w'imali agashyikiriza raporo Minisitiri w'Imali na Minisitiri ushinzwe ikigega kimwe na Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 9

Kubikuza amafaranga bitegetswe gushyirwaho umukono n'umuyobozi w'ubutegetsu n'Imali n'undi mukono w'umuyobozi mukuru cyangwa uw'ushinzwe gahunda.

Ingingo ya 10**Inama y'ubucungamali**

Ikigega cy'Igihugu gitera inkunga abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko gicungwa n'Inama y'Ubucungamali igizwe n'abantu bashyirwaho kandi bagahabwa imilimo n'ilitegeko.

Inama y'ubucungamali ishyirwaho na Minisitiri w'Intebe abisabwe na Minisitiri ushinzwe imibereho y'abaturage amaze kugisha inama Abagize inama mpuzabikorwa by'imiryango irengera abacitse kw'icumu ry'itsemba bwoko.

Ce comité est nommé pour trois ans renouvelables une fois.

Le comité est composé des membres suivants :

1. Du directeur Général qui en assure la présidence
2. Du directeur administratif et Financier
3. Du chargé de Programme

Article 11

Le Comité de gestion a pour rôle de :

1. Gérer collectivement le patrimoine du Fonds.
2. Assurer la gestion quotidienne
3. Exécuter les décisions du Conseil d'administration
4. Etablir un rapport mensuel des activités
5. Etablir un rapport trimestriel à adresser au Conseil d'Administration et au Ministre ayant le Fonds National de Soutien aux Survivants du Génocide dans ses attributions
6. Arrêter son règlement d'ordre intérieur.

Article 12

Directeur Général

Le Directeur Général doit être détenteur d'un grade Universitaire de niveau licence au moins.

Iyo nama imara ighe cy'imyaka itatu igashobora kuyongererwa incuro imwe gusa.

Iyo nama igizwe n'aba :

1. Umuyobozi mukuru ari nawe uyibereye Perezida
2. Umuyobozi w'ubutegetsi n'ubucunga mali,
3. Ushinzwe gahunda

Ingingo ya 11

Inama y'ubucungamali ishinzwe;

1. Gufatanya imicungire y'umutungo w'ikigega.
2. Kwita ku micungire y'ikigega ya buli muni
3. Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inama y'ubutegetsi.
4. Gukora raporo y'ibikorwa bya buli kwezi.
5. Gukora raporo y'ibikorwa bya buli gihembwe, ishยุกilizwa Inama y'ubutegetsi na Minisitiri ushinzwe Ikigega cy'Igihugu gitera inkunga. Abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko.
6. Kwishyiriraho itegeko ngenza ry'ikigega.

Ingingo ya 12

Umuyobozi mukuru

Umuyobozi mukuru agomba kuba afite nibura impamyamba bushobozi yo mu rwego rwa kabili rw'amashuri makuru ya Kaminuza.

Article 13

Le Directeur Général est nommé par le Premier Ministre sur proposition du Ministre ayant le Fonds National de Soutien aux Survivants du Génocide dans ses attributions après consultation du Comité de Coordination des Associations pour la Défense des Survivants du Génocide. Il est nommé pour un mandat de 3 ans renouvelables une seule fois.

Article 14

Le Directeur Général représente le Fonds National de Soutien aux Survivants du Génocide en Justice.

Article 15

Les salaires et avantages des agents du Fonds National de Soutien aux Survivants du Génocide sont fixés par le Conseil d'Administration.

Article 16

Le Conseil d'Administration est composé comme suit :

1. Un représentant du Ministère ayant les Affaires Sociales dans ses attributions.
2. Un représentant du Ministère ayant la Réhabilitation et l'Intégration Sociale dans ses attributions.
3. Un représentant du Ministère ayant la Famille et la Promotion Féminine dans ses attributions.

Ingingo ya 13

Umuyobozi mukuru ashwirwaho na Minisitiri w'Intebe abisabwe na Minisitiri ushinzwe ikigega cy'Igihugu gitera inkunga abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko. amaze kugisha inama abagize inama mpuza bikorwa y'imiryango irengera abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko Ashwirirwaho igihe cy'imyaka 3 ashobora kwiyongeza limwe gusa.

Ingingo ya 14

Umuyobozi mukuru ahagararira mu rukiko ikigega cy'Igihugu gitera inkunga abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko.

Ingingo ya 15

Inama y'ubutegetsi igena imishahara n'izindi nyungu z'abakozi b'ikigega cy'Igihugu gitera inkunga abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko.

Ingingo ya 16

Abagize inama y'Ubutetegetsi :

1. Uhagarariye Minisitiri shinzwe imibereho y'abatuye.
2. Uhagarariye Minisitiri ishinzwe gusana ibyangiritse no gutuza impunzi.
3. Uhagarariye Minisitiri ishinzwe umuryango n'amajyambere y'abali n'abategarugoli.

4. Un préfet de préfecture désigné par le Ministre ayant l'Intérieur dans ses attributions.

5. Trois délégués des Associations pour la Défense des survivants du Génocide.

6. Le Directeur Général du Comité de Gestion qui en est le Secrétaire.

Article 17

Le mandant du conseil d'Administration est de 3 ans renouvelables une seule fois.

Les membres du Conseil d'Administration sont nommés par Arrêté du Premier Ministre.

Le Président du Conseil d'Administration et son Vice-Président sont élus par les membres du Conseil au Scrutin Secret lors de la première réunion du mandat, mais le Directeur Général du Comité de Gestion n'est pas candidat.

Article 18

Le Conseil d'Administration se réunit en session ordinaire une fois par trimestre et chaque fois que de besoin. Il peut se réunir en session extraordinaire sur demande de 2/3 des membres.

La Session extraordinaire doit être convoquée par le Président ou le Vice-Président en son absence.

4. Umuperefe wa Perefegitura uhagarariye Minisitiri w'Ubutegetsu bw'Igihugu.

5. Intumwa eshatu zihagarariye imiryango irengera abacitse kw'icumu ry'itsemba bwoko.

6. Umuyobozi mukuru wa Komite y'ubucungamali kandi abereye umunyamabanga.

Ingingo ya 18

Inama y'ubutegetsu ishahirwaho igihe cy'imyaka itatu ishobora kwiyongeza limwe gusa.

Abagize inama y'ubutegetsu bashahirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Perezida w'Inama y'Ubutegetsu na Visi Perezida batorwa mw'ibanga n'abagize iyo nama mu nama yabo ya mbere, aliko umuyobozi mukuru wa Komite y'ubucungamali ntiyiyamamaza.

Ingingo ya 18

Inama y'ubutegetsu iterana limwe mu gihembwe mu nama isanzwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, ikaba yaterana mu nama idasanzwe bisabwe na 2/3 by'abayigize.

Inama idasanzwe igomba gutumizwa na Perezida yaba adahali igatumizwa na Visi Perezida.

Article 19

La convocation d'une session extraordinaire doit comporter son ordre du jour.

Article 20

Le Conseil d'Administration a pour activités principales.

1. En début d'exercice, examiner et approuver les comptes et les rapports de l'exercice précédent et la marche générale du Fonds.
2. Approuver le rapport relatif à l'activité du Fonds et sa situation financière.
3. Examiner et approuver les prévisions budgétaires pour la période à venir.
4. Prendre des décisions en ce qui concerne les aides.
5. Faire des propositions au gouvernement sur la politique du Fonds National de Soutien aux Survivants du Génocide.

Le rapport du Conseil d'Administration doit être adressé, dûment approuvé par le Conseil d'Administration, au Ministre ayant le Fonds dans ses attributions, dans les 15 jours qui suivent la fin de la session.

Article 21

Les jetons de présence, les salaires et avantages des agents du Fonds National de Soutien aux Survivants du Génocide sont fixés par le Conseil d'Administration.

Ingingo ya 19

Inama idasanzwe igomba kumenyesha icyo itumilijwe.

Ingingo ya 20

Imilimo y'ingenzi y'Inama y'ubutegetsu.

1. Mu ntangiliro y'umwaka, inama isuzuma kandi ikemeza imikoreshereze y'amafaranga na za raporo zihurutse kimwe n'imicungire rusange y'ikigega.
2. Kwemeza raporo y'ibikorwa byagezweho n'ikigega kimwe n'uko umutungo wifashe.
3. Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imali y'igihembwe gitaha.
4. Gufata ibyemezo byerekeranye n'imfashanyo.
5. Kugeza kuli Leta ibyifuzo byerekeranye n'amahame ikigega cy'igihugu gitera inkunga abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko kigenderaho.

Mu minsi 15 igihembwe kirangiye, Raporo y'Inama y'ubutegetsu ikimara kwemerwa n'iyo nama ubwayo, igomba kwohererezwa Minisitiri ushinzwe ikigega.

Ingingo ya 21

Amafaranga ahemberwa imilimo y'inama, ay'imishahara n'inyungu z'abakozi b'ikigega gitera inkunga abacitse kw'icumu ry'itsembabwoko agenwa n'inama y'ubutegetsu.

CHAPITRE V**Article 22**

Un règlement d'ordre intérieur précisera les détails d'organisation et de gestion internes.

Article 23

En cas de liquidation du Fonds, il faut se référer à la législation nationale en vigueur.

Après déduction des dettes, le solde est entièrement versé aux oeuvres qui s'occupent des survivants du génocide.

Article 24

Le Ministre du Travail et des Affaires Sociales est chargé de l'exécution de la présente loi.

Article 25

La présente Loi entre en vigueur le jour de sa signature.

Ainsi fait à Kigali, le...

Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise

Pasteur BIZIMUNGU

Son Excellence Monsieur le Premier Ministre

Pierre Célestin RWIGEMA

UMUTWE WA V**Ingingo ya 22**

Itegeko ngenza ry'ikigega lizasobanura ku buryo burambuye ibyerekeranye n'imitunganyilize n'imicungire y'ikigega.

Ingingo ya 23

Iyo ikigega gisheshwe, hakulikizwa amategeko asanzwe aliho mu gihugu.

Imyenda yose iyo imaze kwishyurwa amafaranga yose asigaye ashorwa mu bikorwa by'imiryango yita ku bacitse kw'icumu ry'itsemba bwoko.

Ingingo ya 24

Minisitiri w'umulimo n'imibereho y'abaturage ashinzwe kwubahiriza ili tegeko.

Ingingo ya 25

Ili tegeko litangiye gukulikizwa likimara gushyirwaho umukono.

Bikorewe i Kigali, kuwa...

Bwana Perezida wa Repubulika y'u Rwanda

Pasteur BIZIMUNGU

Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe

Pierre Célestin RWIGEMA

Madame le Ministre de la
Justice

MUKAMURENZI Marthe

Monsieur le Ministre du
Travail et des Affaires
Sociales

Pie MUGABO

Madame Minisitiri
w'Ubucamanza

MUKAMURENZI Marita

Bwana Minisitiri w'Umulimo
n'Imibereho myiza y'Abaturage

Piyo MUGABO